**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA RUBAVU**

# ITANGAZO RYIBUTSA ABASORA KWISHYURA IMISORO

Ubuyobozi bw'akarere ka Rubavu ku bufatanye n'ikigo cy'igihugu cy'imisoro n'amahoro (RRA) buributsa abaturage b'akarere ka Rubavu ko mu rwego rwo kubahiriza itegeko no 75 ryo kuwa 7/ 9/2018 rigenda inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage zikanagena imikoreshereze yabyo mu ngingo yaryo ya 33 n'iya 54 .

Kwihutira kwandikisha, Kumenyesha no kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa ni ukuvuga **ibibanza, inyubako**, **amazu** yo guturamo, akodeshwa n'acururizwamo kugirango bahitemo umutungo usonewe kuko inzu ya mbere idasora umusoro ku mutungo utimukanwa .

**Icyitonderwa**: ubaruza umutungo yitwaza icyangombwa cy'ubutaka, utarabona icyangombwa cy'ubutaka yitwaza indangamuntu

Kubarura bikorerwa ku biro by'imirenge yose iri mu karere ka Rubavu, aho abakozi b'ikigo kigihugu cy'imisoro n'amahoro bazababafasha.

Turamenyesha kandi abaturage bishyura umusoro ku nyungu z'ubukode n'undi mutungo ukodeshwa, ko bitagomba kurenga tariki ya 31/01/2023 batari bishyura .

Tuboneyeho kandi kumenyesha abacuruzi bose ko basabwa kumenyekanisha no kwishyura umusoro w'ipatanti ko itariki ntarengwa yo kwishyura ari 31/01/2023, bakaba basabwa kubyubahiriza birinda kujya mu bihano bihanwa n'amategeko

k
Twishyure neza kandi ku gihe.

Ubu butumwa, mubugejejweho n'ubuyobozi bw'akarere ka Rubavu.

**RUHAMYAMBUGA Olivier .**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rubavu

Website : www.rubavu.gov.rw Email : rubavudistrict@rubavu.gov.rw @RubavuDistrict RubavuDistrict
rubavudistrict Toll Free : 1020 Po.Box : 173 GISENYI